


Tumenye gusoma



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2017/2018

MUMPE URUBUGA NSOME!



MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera uagenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu rukaniriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze...Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.
- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.
- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri muni, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

Tumenye gusoma



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2017/2018

BUGINGO Jackson, yanditse iyi nkuru afite imyaka 8, yiga mu mwaka wa 2 w'amashuri abanza, mu kigo cy'amashuri abanza cya Rubona, Akarere ka Nyaruguru, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, TUMENYE GUSOMA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.




Mariza na Kamari bagiye ku ishuri.




Bahura na Kwizera utari uzi gusoma.
Kwizera yari ahagaze yitegereza icyapa.



Mariza na Kamari baramusuhuza.




Kwizera abahereza umukono arabasuhuza.



Mariza asaba Kwizera ko abasomera.



Kwizera asoma ibitari ku cyapa baraseka.




Kwizera amarira amubunga mu maso.



Bamugira inama yo kugana isomero.



Kwizera yemera inama agiriwe.
Yiyemeza kugana isomero aturiye.



Kwizera alya kwiga afite ubushake.
Amenya vuba gusoma no kwandika.




Atangira kwisomera ibinyamakuru.



Kwizera asoma itangazo mu kinyamakuru.



Aritabira ahiga abari aho bose.



Kwizera ahabwa ibihembo bishimishije.



Ibihembo abiguramo inkoko arorora.



Mu nama Kwizera yafataga ijambo.
Agasaba buri wese kugana ishuri.



Kwizera yifuje gushimira Mariza na Kamari.
Abandikira ubutumire.



Mariza na Kamari bitabira ubutumire.
Abashimira inama nziza bamugiriye.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at <https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/>." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

